**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

MICT/42

25 Gicurasi 2023

Umwimerere: Icyongereza

# AMABWIRIZA NGENGAMIKORERE AREBANA N'INYANDIKO ZEREKERANYE N'IMANZA

**(MICT/42)**

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

# IRIBURIRO

**Njyewe**, Gerefiye w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT");

**Nshingiye** kuri Sitati ya IRMCT, nk'uko yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cya 1966 (2010) cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 ("Sitati");

**Nshingiye** ku Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT nk'uko yemejwe hashingiwe ku Ngingo ya 13 ya Sitati kandi nk'uko yahinduwe nyuma ("Amategeko");

**Nshingiye** ku Mabwiriza ngengamikorere ku itangwa ry'inyandiko mu Rwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, yatanzwe ku itariki ya 14 Ukuboza 2012 hashingiwe ku Ngingo ya 31(C) y'Amategeko, nk'uko yahinduwe nyuma ku itariki ya 16 Gashyantare 2015 no ku ya 24 Kanama 2016, kandi nk'uko yahinduwe ku itariki ya 4 Mutarama 2019 ("Amabwiriza ngengamikorere ku itangwa ry'Inyandiko");

**Nshingiye** ku mahame, amabwiriza n'imikorere yerekeranye n'ibikurikizwa mu gukora no kubika inyandiko zerekeranye n'imanza z'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya na IRMCT, hashingiwe kuri Sitati no ku Mategeko;

**Maze kugisha inama** Perezida wa IRMCT; kandi

**Nshingiye** ku Ngingo ya 31(C) y'Amategeko;

**Ntanze** aya Mabwiriza ngengamikorere agamije gushyiraho amahame rusange yerekeranye no gufungura amadosiye y'imanza no gukora inyandiko zerekeranye n'imanza zose IRMCT



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

ifitiye ububasha bwo kuburanisha, kuzitanga, kuzakira, kuzandika ahabugenewe, kuzigeza ku bo zigenewe no kuzibungabunga ndetse no gufasha abazikeneye kuzigeraho; kandi

**Mvanyeho** Amabwiriza Ngengamikorere ku Itangwa ry'Inyandiko.

Abubacarr M. Tambadou

Gerefiye

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 25 Ukwakira 2023,
I Lahe, mu Buholandi.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

## I. INTANGIRIRO

### Ingingo ya 1

### Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya Mabwiriza Ngengamikorere, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:

| | |
|---|---|
| **Uregwa:** | Umuntu wese uregwa mu nyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR, TPIY cyangwa IRMCT hashingiwe ku Ngingo ya 1 ya Sitati. |
| **Incuti y'Urukiko:** | Igihugu, umuryango, umuntu Urugereko rutumira cyangwa rwemerera kurwitaba kugira ngo bagire ibyo basobanura ku kibazo, icyo ari cyo cyose, rubona ko ari ngombwa hashingiwe ku biteganywa n'Amategeko. |
| **Amajwi n'amashusho byafashwe:** | Amajwi cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe mu maburanisha cyangwa mu yindi mihango bibera muri IRMCT, bifatwa kandi bikabikwa nk'uko biteganywa n'Amategeko. |
| **Urubanza:** | Imirimo y'iburanisha ikorwa hakurikijwe ibiteganywa na Sitati. |
| **Nomero y'urubanza:** | Nomero ihabwa buri rubanza rwo muri IRMCT. |
| **Dosiye y'urubanza:** | Inyandiko zose z'amaburanisha n'ibimenyetso byose byerekeranye n'urubanza runaka rwaburanishijwe na TPIR, TPIY cyangwa IRMCT byateguwe kandi bibungwabungwa nk'uko biteganywa n'Amategeko. |
| **Ikibazo gifitanye isano** | Imihango y'iburanisha yose yerekeranye n'ibibazo byabyukijwe |

| | |
|---|---|
| **n’urubanza:** | mu rubanza rw’ibanze ariko bitandukanye na rwo. |
| **Urugereko:** | Umucamanza umwe rukumbi, Abacamanza bagize Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo, na/cyangwa Urugereko rw’Ubujurire, bashyizweho ngo baburanishe urubanza runaka hashingiwe ku Ngingo ya 12 ya Sitati. |
| **Inyandiko z’ibanga:** | Urwego rw’umutekano w’inyandiko zerekeranye n’imanza zishobora kugerwaho gusa na Perezida, Urugereko, Gerefiye, Ababuranyi mu rubanza, abakozi ba IRMCT babyemerewe, n’undi muntu wese wabyemerewe na Perezida cyangwa Urugereko. |
| **Inyandiko z’ibanga kandi zifite abo zitagomba kumenyeshwa:** | Urwego rw’umutekano w’inyandiko zerekeranye n’imanza, z’ibanga ariko zifite abo zitagomba kumenyeshwa mu bemerewe kuzigeraho ubusanzwe nk’inyandiko z’ibanga. |
| **Umuntu wahamwe n’icyaha:** | Umuntu wahamijwe ibyaha TPIR, TPIY cyangwa IRMCT bifitiye ububasha bwo kuburanisha. |
| **Avoka:** | Umuntu washyizweho, wagenwe cyangwa wemewe na IRMCT wunganira umuntu ukekwaho icyaha, uregwa cyangwa uwahamijwe icyaha burundu nk’uko biteganywa n’Amategeko, kimwe n’Avoka wa nyuma wamuhagarariye mu mezi atatu yakurikiye isozwa ry’urubanza, keretse iyo habayeho kwemeza ku mugaragaro avoka wo kumuhagararira mu bindi bibazo byerekeranye n’imanza. |
| **Ubwunganizi:** | Umuntu ukekwaho icyaha, uregwa cyangwa uwahamijwe icyaha, wiburanira atunganiwe cyangwa wunganiwe n’Avoka |

washyizweho, wagenwe cyangwa wemewe na IRMCT.

| | |
|---|---|
| **eCourt:** | Uburyo bwa eregitoronike bukoreshwa n'Ingereko mu gutunganya imirimo yazo. |
| **Ikimenyetso gihamya** | Inyandiko cyangwa ikindi kintu kirimo amakuru Urugereko rwashyize muri dosiye mu Rubanza. |
| **Inyandiko yatanzwe muri dosiye:** | Inyandiko yatanzwe na Perezida, Urugereko, umuburanyi cyangwa urundi ruhande rutari umuburanyi kandi yashyizwe muri dosiye y'urubanza, nk'urugero, inzandiko zo gufata, inyandiko z'ibirego, ibyifuzo, izindi nyandiko z'ababuranyi, izindi nyandiko z'impande zitari ababuranyi, ibyemezo, amategeko n'inyandiko z'imanza. |
| **Gushyira inyandiko muri dosiye:** | Gushyira inyandiko muri dosiye bikorwa n'Ibiro bya Gerefiye |
| **TPIR:** | Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rushinzwe gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Rwanda ibyaha bya jenoside cyangwa ibindi bikorwa binyuranyije bikomeye n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, n'Abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mu bihugu bituranye n'u Rwanda, hagati y'itariki ya 1 Mutarama 1994 n'iya 31 Ukuboza 1994, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu cyemezo cyayo 955 cyo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994. |
| **TPIY:** | Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho gucira imanza abantu bakoze ibyaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe |



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

cy'intambara byabereye ku butaka bw'icyahoze cyitwa Yugosilaviya kuva mu mwaka wa 1991, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cyayo 827 cyo ku itariki ya 25 Gicurasi 1993.

| | |
|---|---|
| **Inyandiko zerekeranye n'imanza** | Inyandiko zose zerekeranye n'imanza zaciwe na TPIR, TPIY na IRMCT. |
| **IRMCT:** | Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cyayo 1966 cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010. |
| **Uruhande rutari umuburanyi:** | Uruhande, rutari Umuburanyi, rwemerewe na Perezida, Urugereko cyangwa Amategeko gutanga inyandiko mu rubanza. Mu mpande zitari ababuranyi, harimo Gerefiye, Ibiro bya Gerefiye, Incuti y'Urukiko cyangwa abandi bantu, imiryango n'ibihugu. |
| **Umuburanyi:** | Porokireri cyangwa Ubwunganizi. |
| **Amabwiriza Ngengamikorere:** | Aya Mabwiriza Ngengamikorere arebana n'inyandiko zerekeranye n'imanza. |
| **Perezida:** | Perezida wa IRMCT ushyirwaho hashingiwe ku Ngingo ya 11 ya Sitati. |
| **Porokireri:** | Porokireri wa IRMCT ushyirwaho hashingiwe ku Ngingo ya 14 ya Sitati. |
| **Inyandiko itari ibanga** | Urwego rw'umutekano rushyirwamo inyandiko zerekeranye n'imanza zishobora kugerwaho n'ubonetse wese. |



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

| | |
|---|---|
| **Igitabo cy'imanza:** | Igitabo cy'imanza giteganywa n'Ingingo ya 34 y'Amategeko. |
| **Gerefiye:** | Gerefiye wa IRMCT ushyirwaho hashingiwe ku Ngingo ya 15 ya Sitati. |
| **Ibiro bya Gerefiye:** | Urwego rwa IRMCT rushinzwe imirimo y'ubutegetsi bwa IRMCT n'indi itera inkunga Amashami yayo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 15 ya Sitati. |
| **Umukozi wo mu Biro bya Gerefiye uri ku izamu:** | Umukozi wo mu Biro bya Gerefiye ushinzwe gusubiza ibyifuzo byihutirwa agejejweho na/cyangwa binyuze kuri Perezida, Urugereko cyangwa Gerefiye mu gihe cy'amasaha atari ay'akazi. |
| **Inyandiko yatanzwe muri dosiye itagerwaho n'ubonetse wese:** | Inyandiko y'ibanga cyangwa y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa igomba, bitewe no kuba ikibazo cyangwa amakuru ayivugwamo ari ibanga, kugerwaho, mu buryo bw'agateganyo, n'abakozi bo mu Biro bya Gerefiye bonyine bakenewe mu gukora ibikenewe kuri iyo nyandiko no kuyigeza ku bo igenewe kandi igahabwa gusa abantu igenewe bavuzwe n'uwayitanze, Perezida cyangwa Urugereko. |
| **Amategeko:** | Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT, yemejwe n'Abacamanza ba IRMCT ku itariki ya 8 Kamena 2012, nk'uko yagiye ahindurwa. |
| **Amabwiriza y'Umunyamabanga Mukuru:** | Amabwiriza y'Umunyamabanga Mukuru, Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga: ibanga ry'amakuru, kuyabika, kuyakoresha no kuyageraho (ST/SGB/2012/3). |
| **Sitati:** | Sitati ya IRMCT yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cyayo 1966 cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010. |



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

| | |
|---|---|
| **Utanze inyandiko ngo yakirwe muri dosiye:** | Perezida, Urugereko, umuburanyi cyangwa Urundi ruhande rutari umuburanyi mu gihe bashyikiriza Ibiro bya Gerefiye dosiye kugira ngo ishyirwe muri dosiye. |
| **Ukekwaho icyaha:** | Umuntu IRMCT itekereza ko, hashingiwe ku mpamvu ishyize mu gaciro, yakoze icyaha giteganywa mu gika cya 4 cy'Ingingo ya 1 ya Sitati, IRMCT ifite ububasha bwo gukurikirana. |
| **Inyandikomvugo y'iburanisha:** | Inyandiko ikubiyemo ibyavuzwe, ijambo ku rindi, mu iburanisha cyangwa mu yindi mirimo yerekeranye n'iburanisha muri TPIR, TPIY cyangwa IRMCT zikozwe kandi zikabungwabungwa nk'uko biteganywa n'Amategeko. |
| **Amabwiriza yerekeranye n'isemurwa ry'inyandiko:** | Amabwiriza agenga isemurwa ry'inyandiko zikoreshwa mu mirimo yerekeranye n'imanza mu Rwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, MICT/22 yatanzwe ku itariki ya 5 Mata 2018. |
| **UCR:** | Ububiko bwa eregitoronike bushyirwamo inyandiko zakoreshejwe mu manza, zigenewe rubanda. |
| **UJDB:** | Ububiko bwa eregitoronike bw'inyandiko n'ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza |

## Ingingo ya 2

## Icyo aya Mabwiriza agamije

1. Aya Mabwiriza ngengamikorere yerekeranye no gufungura amadosiye y'imanza no gukora inyandiko zerekeranye n'imanza, kuzitanga, kuzakira, kuzandika ahabugenewe,



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

kuzigeza ku bo zigenewe, kuzibungabunga no gufasha abazikeneye kuzigeraho, mu manza zose IRMCT ifitiye ububasha bwo kuburanisha;

**Ingingo ya 3**

**Itariki Amabwiriza atangirira gukurikizwa**

1. Aya Mabwiriza ngengamikorere atangira gukurikizwa ku itariki ya 25 Gicurasi 2023.

**Ingingo ya 4**

**Ihindurwa**

1. Amaze kugisha inama Perezida, Gerefiye ashobora guhindura aya Mabwiriza ngengamikorere, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 31(C) y'Amategeko.

2. Amabwiriza ahinduwe atangira kubahirizwa ku itariki igenwa na Gerefiye.

## II. INYANDIKO ZEREKERANYE N'IMANZA

**Ingingo ya 5**

**Inshingano yo gucunga inyandiko zerekeranye n'imanza**

1. Ibiro bya Gerefiye bifite inshingano yo gucunga Inyandiko zerekeranye n'imanza no gukora ku buryo abazishaka bazigeraho, nk'uko biteganywa na Sitati, Amategeko, itegeko ry'Urukiko ryose bireba, n'Amabwiriza y'Umunyamabanga Mukuru.

**Ingingo ya 6**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**Igitabo cy'imanza n'inyandiko zerekeranye n'imanza**

1. Inyandiko zerekeranye n'imanza zandikwa mu buryo bwateganyijwe kandi zigacungwa n'Ibiro bya Gerefiye mu Bubiko bwa eregitoronike buhuriweho bw'inyandiko zerekeranye n'imanza (UJDB).

2. Ububiko bwa eregitoronike bushyirwamo inyandiko, zakoreshejwe mu manza, zigenewe rubanda (UCR) bufatwa nk'Igitabo cy'imanza nk'uko bisabwa n'Ingingo ya 34 y'Amategeko.

**Ingingo ya 7**

**Guhindura urwego rw'umutekano w'inyandiko zerekeranye n'imanza**

1. Guhindura urwego rw'umutekano w'inyandiko zerekeranye n'imanza bigomba gukorwa gusa ari uko Urukiko rubitangiye uruhushya cyangwa nk'uko biteganywa ukundi n'Amategeko akurikizwa. Mu gihe urwo ruhushya rw'Urukiko rurimo gusabwa, Ibiro bya Gerefiye bishobora, by'agateganyo, kurinda izo Nyandiko zerekeranye n'imanza kugerwaho n'ubonetse wese.

2. Iyo hari impamvu ituma Ibiro bya Gerefiye bitekereza ko hari amakuru y'ibanga yaba ari mu nyandiko itari ibanga yatanzwe cyangwa amakuru afite abo atagomba kumenyeshwa yaba ari mu nyandiko yatanzwe nk'inyandiko y'ibanga, bishobora kugeza icyo kibazo kuri Perezida cyangwa Urugereko kandi bikayirinda, by'agateganyo, kugerwaho n'ubonetse wese mu gihe hagitegerejwe icyemezo cy'Urukiko.

**Ingingo ya 8**

**Kugera ku nyandiko zerekeranye n'imanza**

1. Haseguriwe ingamba zibuza kugera ku nyandiko runaka hashingiwe ku rwego rw'umutekano iyo nyandiko irimo, Perezida, Urugereko n'ababuranyi mu rubanza bafite



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

uburenganzira bwo kugera ku biri muri dosiye y’urubanza byose banyuze mu Bubiko bwa eregitoronike bw’inyandiko n’ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB). Iyo hari igice cya dosiye y’urubanza kitaboneka umuntu anyuze mu Bubiko bwa eregitoronike bw’inyandiko n’ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB) bitewe, nk’urugero, n’ingano yayo cyangwa ingamba zibuza by’agateganyo kuyigeraho, Ibiro bya Gerefiye bikora ibishoboka byose kugira ngo Perezida, Urugereko n’ababuranyi babashe kugera kuri iyo nyandiko, haseguriwe ingamba zaba zibuza kuyigeraho kubera urwego rw’umutekano ibitswemo.

2. Rubanda bafite uburenganzira bwo kugera ku nyandiko ziri mu Bubiko bwa eregitoronike bushyirwamo inyandiko zakoreshejwe mu manza, zigenewe rubanda (UCR), keretse hari ukundi bitegetswe na Perezida cyangwa Urugereko.

3. Inyandiko zerekeranye n’imanza, z’ibanga kimwe n’iz’ibanga kandi zifite abo zitagomba kumenyeshwa zibikwa mu bubiko bw’inyandiko bufite umutekano wizewe kandi ntizigomba kugerwaho na rubanda, umuburanyi/ababuranyi batabyemerewe, cyangwa urundi ruhande rutari umuburanyi/izindi mpande zitari ababuranyi keretse Perezida cyangwa Urugereko babitegetse ukundi.

4. Ibiro bya Gerefiye bifite inshingano yo gufasha Perezida, Ingereko n’ababuranyi mu rubanza, kimwe n’inzego z’ubuyobozi z’igihugu nk’uko biteganywa n’Ingingo ya 28(3) ya Sitati, kugera ku Nyandiko zerekeranye n’imanza basabye, bikanashyira mu bikorwa amategeko atangwa n’Urukiko yerekeranye no kugera kuri izo nyandiko nk’uko biteganywa n’Amategeko.

## Ingingo ya 9

## Amakopi y’inyandiko byemejwe ko ahuye n’umwimerere

1. Gerefiye ashobora gutanga amakopi y’inyandiko zerekeranye n’imanza byemejwe ko ahuye n’umwimerere, igihe abitegetswe atyo na Perezida cyangwa Urugereko, cyangwa abisabwe hashingiwe ku Ngingo ya 28(3) ya Sitati. Ayo makopi y’inyandiko byemejwe



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

ko ahuye n'umwimerere agomba gutangwa hakurikijwe amabwiriza ngengamikorere y'Ibiro bya Gerefiye ariho kashe ya IRMCT n'umukono wa Gerefiye. Amakopi yemejwe hashingiwe ku biteganywa n'iyi Ngingo afatwa nk'aho ahuye neza n'ay'umwimerere atagize igihindurwaho.

**Ingingo ya 10**

**Gufungura dosiye y'urubanza**

1. Dosiye y'urubanza nshya ifungurwa iyo hatanzwe inyandiko yo gushyira muri dosiye mu rwego rwo gutangiza urubanza cyangwa icyiciro gishya cy'urubanza. Hafungurwa kandi dosiye y'urubanza nshya iyo inyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye yerekeranye n'ikibazo kirebana n'urubanza na/cyangwa amategeko yatanzwe n'Urukiko muri IRMCT.

**Ingingo ya 11**

**Kugena amanomero y'imanza**

1. Buri rubanza rwo muri IRMCT ruhabwa nomero igizwe n'ibintu bine:

(a) MICT, bisobanura ko urwo Rubanza ruburanishwa na IRMCT;

(b) Umwaka iyo nomero y'urubanza yandikiwemo muri IRMCT maze inyandiko ya mbere igashyirwa muri dosiye y'urubanza (nk'urugero, "12" bivuga umwaka wa 2012);

(c) Nomero igaragaza uko imanza zo muri IRMCT zikurikirana (nk'urugero, "08" bivuga urubanza rwa munani); na

(d) Umusozo, iyo uhari, ugaragaza icyiciro na/cyangwa ubwoko bw'urubanza.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

2. Uwo musozo ushyirwa kuri nomero y'urubanza mu buryo bukurikira:

(a) A: Ubujurire ku rubanza rwaciwe mu rw'iremezo: Kuva ku itangwa ry'inyandiko y'ubujurire ya mbere nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 133 y'Amategeko, kugera ku mikirize y'urubanza mu bujurire, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 144 y'Amategeko cyangwa, mu buryo budasanzwe, kuva ku itangwa ry'icyifuzo gisaba kongererwa igihe cyo gutanga inyandiko y'ubujurire;

(b) AR: Ubujurire bwerekeranye n'imiburanishirize buteganywa n'Ingingo runaka: Inyuguti "A" igomba kubanziriza umusozo werekana iyo Ngingo y'Amategeko (nk'urugero, AR14, AR68, AR79, AR80);

(c) D: Kwikura urubanza: Kuva hatanzwe icyifuzo gisaba ko Urukiko rw'igihugu rwikura urubanza kugera hafashwe icyemezo kuri icyo cyifuzo, hashingiwe ku Ngingo ya 12 y'Amategeko;

(d) ES: Irangiza ry'ibihano: Ku manza zirimo irangizagihano, kuva ku itariki urubanza ruciriweho burundu;

(e) I: Inyandiko y'ibirego: Kuva hatanzwe inyandiko y'ibirego, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 48 y'Amategeko, kugera habaye umuhango wo kwemera cyangwa guhakana icyaha, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 64 y'Amategeko;

(f) PT: Icyiciro mbanzirizarubanza: Kuva ku munsi w'umuhango wo kwemera cyangwa guhakana icyaha, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 64 y'Amategeko, kugera ku munsi w'iburanisha rya mbere mu rw'iremezo (nk'urugero, imyanzuro, mu magambo, ibanziriza itangwa ry'ibimenyetso bishinja) cyangwa ku munsi w'iburanisha ryerekeranye n'igenagihano, nk'uko biteganywa



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

n'Ingingo ya 124 y'Amategeko;

(g) R: Isubirwamo ry'imikirize y'urubanza: Kuva ku itangwa ry'icyifuzo gisaba ko urubanza rusubirwamo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 146 y'Amategeko, cyangwa ibyifuzo bijyanye na cyo, kugera gifashweho icyemezo cyangwa kugeza urwo rubanza ruciwe bundi bushya, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 147 y'Amategeko;

(h) R14: Kohereza urubanza mu rukiko rw'igihugu: Iburanisha rishingiye ku Ngingo ya 14 y'Amategeko;

(i) R78: Iburanisha ryo kumva ubuhamya budasanzwe: Iburanisha rishingiye ku Ngingo ya 78 y'Amategeko;

(j) R86F: Ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya: Iburanisha ryerekeranye n'icyifuzo cy'Umucamanza/inteko y'abacamanza cyangwa umuburanyi mu rundi rukiko byatangiwe uruhushya n'urwego rw'ubucamanza rukwiye hashingiwe ku Ngingo ya 86(F) y'Amategeko;

(k) R86G: Kuvanaho, guhindura cyangwa kongera ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya: Iburanisha ryerekeranye n'icyifuzo cy'umuburanyi mu rundi rubanza urwo ari rwo rwose ruburanishwa muri IRMCT gisaba ko ingamba zo kurinda umutekano w'umuntu wakorewe icyaha cyangwa w'umutangabuhamya zivanwaho, zihindurwa cyangwa zongerwa, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 86(G) y'Amategeko;

(l) R86H: Kuvanaho, guhindura cyangwa kongera ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya: Iburanisha ryerekeranye n'icyifuzo cy'Umucamanza/inteko y'abacamanza mu rundi rukiko, umuburanyi mu rundi rukiko wemerewe n'urwego



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

rw'ubucamaza rukwiye, cyangwa uwakorewe icyaha cyangwa umutangabuhamya washyiriweho ingamba zo kumurindira umutekano na TPIR, TPIY cyangwa IRMCT, gisaba gukuraho, guhindura cyangwa kongera ingamba zo kurinda umutekano w'uwakorewe ibyaha cyangwa w'umutangabuhamya, cyatanzwe hashingiwe ku Ngingo ya 86(H) y'Amategeko;

(m) R87: Gusaba ubufasha: Iburanisha ryerekeranye n'icyifuzo cyatanzwe hashingiwe ku Ngingo ya 87 y'Amategeko;

(n) R90: Urubanza rwerekeranye n'ibyaha byo gusuzugura Urukiko: imiburanishirize ishingiye ku Ngingo ya 90 y'Amategeko, kugera hatanzwe inyandiko y'ibirego yakorewe uregwa;

(o) R108: Urubanza rwerekeranye no gutanga ubuhamya bw'ikinyoma: imiburanishirize ikorwa hashingiwe ku Ngingo ya 108 y'Amategeko, kugera hatanzwe inyandiko y'ibirego yakorewe uregwa;

(p) S: Igenagihano: Ku rindi buranisha riri ukwaryo ryerekeranye n'igenagihano, harimo n'iburanisha ribaye nyuma y'icyemezo cyemera icyifuzo gisaba kwemera amasezerano yerekeranye n'ubwemeracyaha, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 124 y'Amategeko;

(q) T: Iburanisha mu rw'iremezo: Kuva ku munsi wa mbere w'iburanisha kugera ku itariki urubanza rusomeweho mu rw'iremezo; na

(r) Misc.: Ibintu binyuranye: Amaburanisha atabarizwa mu cyiciro icyo ari cyo cyose mu byarondowe haruguru.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

3. Iyo, mu rubanza rumwe, hari ikiregerwa kirenze kimwe, hashingiwe ku Ngingo imwe, inyuma y'umusozo hongerwaho nomero yerekana uko ibiregerwa bikurikirana (nk'urugero, MICT-12-29-R.2). Amanomero agenda akurikirana guhera ku nyandiko ya mbere yatanzwe muri dosiye y'urwo rubanza.

4. Imisozo R90 na R108 ikoreshwa gusa ku nyandiko zitanzwe mu rubanza rwa mbere rwakomotseho imiburanishirize ishingiye ku Ngingo ya 90 cyangwa iya 108 z'Amategeko, kugeza igihe hafunguriwe dosiye nshya nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 10 y'aya Mabwiriza ngengamikorere, kandi iyo misozo ntikoreshwa nk'imisozo igize nomero nshya y'urubanza.

## 1. INYANDIKO ZITANGWA MURI DOSIYE

### Ingingo ya 12

### Ingingo rusange

1. Inyandiko zifatwa nk'aho zitanzwe mu buryo bwemewe iyo zishyikirijwe Ibiro bya Gerefiye ngo zakirwe kandi zishyirwe, mu buryo buteganyijwe, muri dosiye y'urubanza, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 15 y'aya Mabwiriza ngengamikorere.

2. Hatitawe ku buryo itanzwemo, kopi ya eregitoronike, yakiriwe hashingiwe ku biteganywa n'Ingingo ya 15 y'aya Mabwiriza ngengamikorere, ni yo ifatwa nka kopi yemewe y'iyo nyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye. Ibi ariko ntibivanaho ibiteganywa ku byerekeranye n'Inyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye iri mu rwego rw'inyandiko zitagerwaho n'ubonetse wese hashingiwe ku Ngingo ya 19 y'aya Mabwiriza ngengamikorere cyangwa igihe inyandiko yaba ari kopi yemewe y'inyandiko yatanzwe muri TPIR, TPIY cyangwa IRMCT mbere y'igihe aya Mabwiriza ngengamikorere atangirira gukurikirizwa.

3. Amabaruwa yohererejwe, mu buryo butaziguye, Perezida, Urugereko, umuburanyi cyangwa urundi ruhande rutari umuburanyi cyangwa ayo bo banditse ntashyirwa muri



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

dosiye y’urubanza, keretse ari uko bisabwe na Perezida cyangwa Urugereko, cyangwa iyo ayo mabaruwa agize kimwe mu bice by’inyandiko yatanzwe muri dosiye y’urubanza hashingiwe ku biteganywa n’Ingingo ya 13 y’aya Mabwiriza ngengamikorere.

**Ingingo ya 13**

**Gutanga inyandiko kugira ngo zishyirwe muri dosiye y’urubanza**

1. Abakurikira ni bo bonyine bashobora gutanga inyandiko kugira ngo zishyirwe muri dosiye y’urubanza:

   (a) Perezida;
   (b) Urugereko;
   (c) Umuburanyi mu rubanza; cyangwa
   (d) Uruhande rutari umuburanyi rubyemerewe na Perezida, Urugereko cyangwa hashingiwe ku Mategeko yo gutanga imyanzuro, incuro imwe cyangwa nyinshi, mu rubanza.

2. Inyandiko itanzwe, kugira ngo ishyirwe muri dosiye, n’umuntu ubwe ukekwaho icyaha, uregwa cyangwa wahamijwe icyaha burundu, ufite avoka umwunganira, ku byerekeranye n’ikibazo icyo ari cyo cyose kiri mu nshingano z’avoka, ntiyemerwa, keretse byemejwe, by’umwihariko, na Perezida cyangwa Urugereko.

3. Inyandiko zitangwa muri dosiye ni nk’izi zikurikira:

   a) Inzandiko zo gufata;
   b) Inyandiko z’ibirego;
   c) Ibyifuzo;
   d) Ibisubizo;
   e) Imyanzuro isubiza;
   f) Izindi nyandiko zitanzwe n’umuburanyi;
   g) Izindi nyandiko zitanzwe n’urundi ruhande rutari umuburanyi;
   h) Ibyemezo;


Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

i) Amategeko;

j) Inyandiko z'imanza n'ibitekerezo byihariye by'Abacamanza cyangwa ibinyuranye n'ibya bagenzi babo ku mikirize y'imanza; na

k) Inyandiko zishyigikira ibivugwa mu nyandiko y'ibirego n'imigereka y'inyandiko iyo ari yo yose mu zivugwa haruguru.

4. Inyandiko zitangwa ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza, uretse inyandiko zishyigikira izindi, imigereka n'inyandiko zisemuye, zigomba kuba ziriho umukono w'abazitanze.

5. Mu nyandiko zitangwa ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza, abazitanze bagomba kuvuga abakozi ba IRMCT n'abagize amakipe y'Ubwunganizi bakoresheje gusa amazina y'umurimo bakora aho gukoresha amazina bwite yabo, keretse ku byerekeranye n'imyirondoro y'abahagarariye umuburanyi akenshi bavugwa kuri paje ibanziriza andi y'inyandiko zitangwa mu rubanza. Inyandiko zitangwa ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza ntizigomba kugaragaza amakuru aranga abakozi ba IRMCT n'abagize ikipe y'ubwunganizi, nk'amanomero ya terefone, imeyiri, aderese z'aho batuye, amanomero y'amapasiporo, keretse iyo bigize umwirondoro w'umuntu utanze inyandiko cyangwa byemejwe na Perezida cyangwa Urugereko.

6. Igihe cyose bishoboka, inyandiko zohererezwa Ibiro bya Gerefiye kugira ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zigomba koherezwa mu buryo bwa eregitoronike. Inyandiko zitanzwe ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zigomba kuba ziri mu cyongereza cyangwa mu gifaransa, kereka aho biteganywa ukundi n'Amategeko cyangwa Itegeko ry'Urukiko.

7. Inyandiko zose zitanzwe ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zigomba kuba ziherekejwe n'ifishe yabugenewe yerekana ko inyandiko itanzwe kandi iriho amakuru akurikira:

(a) Izina ry'utanze inyandiko;

(b) Nomero n'izina by'urubanza;

(c) Itariki inyandiko yakoreweho n'iyo itangiweho;



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

(d) Urwego rw'umutekano w'inyandiko;

(e) Umubare w'amapaje;

(f) Umutwe w'inyandiko;

(g) Ubwoko bw'inyandiko;

(h) Ururimi inyandiko y'umwimerere yanditsemo; na

(i) Icyifuzo gisaba ko iyo nyandiko isemurwa mu rundi rurimi, iyo ari ngombwa.

8. Inyandiko zose zishyikirijwe Ibiro bya Gerefiye ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zohererezwa Perezida, keretse iyo ari inyandiko yerekeranye n'ikibazo gishyikirizwa Urugereko.

9. Utanze inyandiko ni we ugomba kumenya neza ko amakuru ari muri iyo nyandiko n'ari ku ifishe yerekana ko itanzwe ari yo kandi yuzuye.

10. Utanze inyandiko ngo ishyirwe muri dosiye y'urubanza agomba kuvuga urwego rw'umutekano w'iyo nyandiko ndetse, iyo ari ngombwa, akavuga impamvu iyo nyandiko itanzwe igomba gufatwa nk'inyandiko y'ibanga na/cyangwa inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa. Urwego rw'umutekano w'inyandiko rugomba kugaragazwa neza kuri paje ibanziriza izindi z'inyandiko yatanzwe no ku ifishe yerekana ko inyandiko itanzwe.

11. Mu gihe inyandiko itanzwe ari ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa, utanze iyo nyandiko agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo yihutire gutanga kopi y'iyo nyandiko, itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga kugira ngo ishyirwe muri dosiye iyo biri ngombwa.

12. Ababuranyi n'izindi mpande zitari ababuranyi bashobora gutanga igisubizo, imyanzuro isubiza cyangwa imyanzuro byerekeranye n'indi nyandiko yatanzwe, ari uko gusa biri mu rwego rw'umutekano rumwe cyangwa rwisumbuye ku rw'inyandiko bishingiyeho.

## Ingingo ya 14

## Kwakira inyandiko zitangwa ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza

1. Inyandiko zose zitangwa ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zigomba kuba zujuje ibiteganywa n'Ingingo ya 13 y'aya Mabwiriza ngengamikorere.

2. Inyandiko zitanzwe, mu buryo bwa eregitoronike, ngo zishyirwe muri dosiye y'urubanza zigomba koherezwa kuri aderese ya imeyiri yabugeneye ikukirikira:

   (a) Inyandiko zerekeranye n'imanza zo ku Ishami ry'Arusha zoherezwa kuri aderese: JudicialFilingsArusha@un.org; naho
   (b) Inyandiko zerekeranye n'imanza zo ku Ishami ry'i Lahe zoherezwa kuri aderese: JudicialFilingsHague@un.org.

3. Kubera impamvu zidasanzwe, iyo gutanga inyandiko ya eregitoronike bidashoboka, kopi y'impapuro y'iyo nyandiko ishobora kwemerwa. Utanze kopi y'impapuro ayigereza ubwe ku Biro bya Gerefiye cyangwa akayohereza, yifashishije iposita cyangwa ibigo by'ubucuruzi bitwara amabaruwa, kuri aderese ikurikira:

   (a) Inyandiko zerekeranye n'imanza zo ku Ishami rya Arusha zoherezwa kuri aderese: Haki Road, Plot No. 486 Block A, Lakilaki Area, Arumeru District, P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania; naho
   (b) Inyandiko zerekeranye n'imanza zo ku Ishami ry'i Lahe zoherezwa kuri aderese: Churchillplein 1, 2517 JW, The Hague, The Netherlands.

4. Inyandiko yose yubahirije ibisabwa kandi ikakirwa ku minsi y'akazi no mu masaha y'akazi yemewe – Arusha: hagati ya saa mbiri n'igice za mu gitondo (8:30) na saa kumi n'igice z'igicamunsi (16:30) kuva ku wa Mbere kugera ku wa Kane no hagati ya saa mbiri n'igice za mu gitondo (8:30) na saa saba z'amanywa (13:00) ku wa Gatanu; naho i Lahe: hagati ya saa tatu za mu gitondo (9:00) na saa kumi z'igicamunsi (16:00) ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu– ihabwa abo igenewe uwo munsi. Iyo ari ngombwa ko habaho kungurana ibitekerezo hagati y'Ibiro bya Gerefiye n'utanze inyandiko mu gihe inyandiko itanzwe irimo gusuzumwa, icyo gihe nta wakwemeza ko iyo nyandiko ishobora gushyikirizwa abo igenewe uwo munsi.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

5. Inyandiko itanzwe ikakirwa ku munsi w'akazi nyuma y'amasaha yemewe yo gutangamo inyandiko ariko mbere ya saa sita z'ijoro, ku isaha y'aho itangiwe, cyangwa ku munsi utari uw'akazi wa IRMCT, ishyirwa muri dosiye iriho itariki yakiriweho n'Ibiro bya Gerefiye kandi yandikwa ahandikwa inyandiko zakiriwe ikanagezwa ku bo igenewe ku munsi w'akazi ukurikira.

6. Iyo bisabwe n'utanze inyandiko, kubera impamvu zidasanzwe, Ibiro bya Gerefiye bishobora kwemera ko inyandiko itanzwe mu masaha atari ay'akazi igezwa ku bo igenewe ku munsi itangiweho. Ibyifuzo bibisaba bigomba gutangwa ku munsi w'akazi muri IRMCT no mu masaha yemewe yo gutangiraho inyandiko yavuzwe haruguru mu gika cya 4. Ibyo byifuzo bigomba kugaragaza urubanza iyo nyandiko igomba gushyirwamo, igihe igomba gutangirwa, impamvu igomba gufatwa mu buryo budasanzwe, n'andi makuru yose Ibiro bya Gerefiye bikeneye. Ibyo ariko ntibivanaho ko igihe hari ikibazo icyo ari cyose cyihutirwa gishobora kunyuzwa ku mukozi wo mu Biro bya Gerefiye uri ku izamu, nk'uko bisobanurwa mu gika cya 7 hepfo.

7. Iyo hari impamvu zihutirwa zituma biba ngombwa gutanga inyandiko ngo ishyirwe muri dosiye nyuma y'amasaha y'akazi cyangwa ku munsi utari uw'akazi muri IRMCT, umukozi wo mu Biro bya Gerefiye uri ku izamu ashobora kwakira iyo nyandiko, ariko bikaba bigomba kubanza kwemezwa no/cyangwa gutegekwa na Perezida, Urugereko cyangwa Gerefiye.

## Ingingo ya 15

## Kwandika inyandiko zitanzwe no kuzishyira muri dosiye y'urubanza

1. Iyo Ibiro bya Gerefiye byakiriye inyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye, bisuzuma iyo nyandiko kugira ngo birebe niba yujuje ibisabwa n'Ingingo ya 13 y'aya Mabwiriza ngengamikorere. Iryo suzuma ntirireba ibikubiye muri iyo nyandiko. Inyandiko zitujuje ibisabwa n'Ingingo ya 13 y'aya Mabwiriza ngengamikorere zisubizwa uzitanze ziherekejwe n'ibisobanuro by'ibisabwa bitujujwe.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

2. Ku rupapuro rubanziriza izindi rwa buri nyandiko itanzwe, Ibiro bya Gerefiye bishyiraho nomero y'urubanza, amanomero y'amapaje atangwa n'Ibiro bya Gerefiye, itariki inyandiko itangiweho nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 14(5) y'aya Mabwiriza ngengamikorere n'inyuguti zibanza z'amazina y'umukozi wo mu Biro bya Gerefiye ubikoze.

3. Paje imenyesha iherekeza inyandiko yoherejwe n'Ibiro bya Gerefiye ku bo yagenewe igomba kuba iriho nomero y'urubanza n'izina ry'urubanza, urwego rw'umutekano w'iyo nyandiko, umutwe wayo, itariki yakiriweho/yashyiriweho muri dosiye/yohererejweho uwo igenewe, irisite y'abo igenewe, n'izina ry'umukozi wo mu Biro bya Gerefiye wemeje ko iyo nyandiko yujuje ibisabwa. Kuri iyo paje kandi hashobora kwandikwaho ibindi bisobanuro bifite akamaro. Paje imenyesha ntigomba gushyirwa mu Bubiko bwa eregitoronike bw'inyandiko n'ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB).

4. Ibiro bya Gerefiye biha nomero buri paje y'inyandiko itanzwe, harimo na paje imenyesha, kandi amanomero y'amapaje agakurikirana kuva kuri paje ya nyuma ihabwa nomero ya mbere kugera ku ya mbere ihabwa nomero ya nyuma. Paje ihera y'inyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye ihabwa nomero ikurikira iya paje imenyesha y'inyandiko ya nyuma iheruka gushyirwa muri dosiye.

5. Ifishe yerekana ko inyandiko itanzwe ntishyirwaho nomero, ariko na yo ishyirwa mu Bubiko bwa eregitoronike bw'inyandiko n'ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB) hamwe n'inyandiko yatanzwe ngo ishyirwe muri dosiye.

**Ingingo ya 16**

**Inyandiko itanzwe mu rubanza rurenze rumwe**

1. Iyo inyandiko itanzwe ngo zishyirwe muri dosiye yerekeranye n'imanza zirenze rumwe, uyitanze yandika amanomero y'izo manza n'amazina yazo ku ifishe yerekana ko



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

inyandiko itanzwe no kuri paje ibanziriza izindi y'iyo nyandiko, keretse haramutse hari aho biteganywa ukundi mu yandi Mabwiriza ngengamikorere ya IRMCT.

2. Inyandiko itanzwe mu manza zirenze rumwe yandikwa ahabugenewe igashyirwaho amanomero y'amapaje muri buri dosiye y'urubanza hakurikijwe uburyo bwashyizweho busobanurwa muri aya Mabwiriza ngengamikorere.

**Ingingo ya 17**

**Kugeza inyandiko zatanzwe mu rubanza ku bo zigenewe**

1. Ibiro bya Gerefiye byohererereza abagenwe guhabwa inyandiko zose zitanzwe amakopi ya eregitoronike y'izo nyandiko, bigakorwa hubahirizwa urwego rw'umutekano wa buri nyandiko, ariko haseguriwe ibisabwa kubahirizwa mu gika cya 2 cy'iyi Ngingo kandi n'ibindi byose bigomba kubahirizwa nk'uko biteganywa mu Ngingo ya 19 y'aya Mabwiriza ngengamikorere ku byerekeranye n'Inyandiko zatanzwe ngo zishyirwe muri dosiye ariko bitemewe ko zigerwaho n'ubonetse wese. Mu kohererereza inyandiko yatanzwe abo igenewe, Ibiro bya Gerefiye bigomba kugaragaza neza amakuru akurikira:

   (a) Nomero n'izina by'urubanza;
   (b) Itariki iyo nyandiko yohererejwe uwo igenewe;
   (c) Itariki iyo nyandiko yatangiweho;
   (d) Umutwe w'iyo nyandiko; na
   (e) Urwego rw'umutekano wayo.

2. Mu gihe hari impamvu zidasanzwe zituma bidashoboka kohererereza, mu buryo bwa eregitoronike, izo nyandiko umwe cyangwa benshi mu bo zigenewe, zigomba koherezwa hakoreshejwe iposita, ivarisi y'abadiporomate, cyangwa zigatangwa mu ntoki ziriho amakuru avugwa mu gika cya 1 cy'iyi Ngingo. Iyo abagenewe guhabwa izo nyandiko bohererejwe kopi y'impapuro,  igomba kuba iherekejwe n'ifishe ihamya ko inyandiko yahawe uwo igenewe, igomba gushyirwaho umukono n'uwakiriye iyo nyandiko hanyuma ikabikwa n'Ibiro bya Gerefiye.

3. Uretse aho biteganywa ukundi mu Mategeko cyangwa bitegetswe na Perezida cyangwa Urugereko, ubundi bifatwa ko ugenewe inyandiko yatanzwe ngo ishyirwe muri dosiye yayimenyeshejwe ku munsi Ibiro bya Gerefiye bimwoherereje kopi ya eregitoronike yayo. Iyo ugenewe inyandiko yatanzwe ngo ishyirwe muri dosiye atayibonye ku itariki yayohererejweho mu buryo bwa eregitoronike, ashobora gusaba Perezida cyangwa Urugereko indihano ikwiye, nko kongererwa igihe ntarengwa bireba. Ibiro bya Gerefiye bibika gihamya y'uko buri nyandiko yoherejwe mu buryo bwa eregitoronike kandi bikayerekana iyo bibaye ngombwa. Ibikubiye muri iki gika binakurikizwa, hahindutse ibigomba guhinduka, iyo inyandiko yoherejwe hakoreshejwe uburyo bwo kuyishyira mu gasanduku kagenwe maze Ubwunganizi bukamenyeshwa, muri imeyeri, ko iyo nyandiko yashyizwemo.

4. Uretse igihe hari ukundi biteganywa mu Mategeko cyangwa bitegetswe na Perezida cyangwa Urugereko, iyo inyandiko yatanzwe ngo ishyirwe muri dosiye yohererejwe uwo igenewe hakoreshejwe iposita, bifatwa ko uwo igenewe aba ayimenyeshejwe ku munsi ayiboneyeho, nk'uko bigaragazwa n'agapapuro k'iposita kerekana ko yayishyikirijwe cyangwa n'umukono w'uwayakiriye. Iyo uwakiriye inyandiko yanze cyangwa adashobora gushyira umukono ku cyemezo cy'uko ayakiriye, ifishe yabugenewe yuzuzwa n'umuntu wamushyikirije iyo nyandiko ni yo ifatwa nka gihamya y'uko ugenewe iyo nyandiko yayimenyeshejwe.

5. Iyo Ibiro bya Gerefiye bidafite amakuru yerekeranye n'ahantu ugenewe inyandiko atuye cyangwa bikaba, mu buryo bushyize mu gaciro, bitabasha kuhamenya, bishyira muri dosiye icyemezo kigaragaza ko bitashobotse ko iyo nyandiko ihabwa uwo yari igenewe.

**Ingingo ya 18**

**Isemurwa ry'inyandiko zatanzwe ngo zishyirwe muri dosiye**

1. Iyo utanze inyandiko agaragaje, ku ifishe yerekana ko inyandiko itanzwe, ko ari ngombwa ko iyo nyandiko isemurwa, Ibiro bya Gerefiye bikora ku buryo iyo nyandiko isemurwa n'ababifitiye ububasha hakurikijwe Amabwiriza yerekeranye no gusemura inyandiko kandi haseguriwe amabwiriza ashobora gutangwa na Perezida cyangwa


Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Urugereko. Iyo utanze inyandiko atagaragaje, ku ifishe yerekana ko inyandiko itanzwe, ko iyo nyandiko ikeneye gusemurwa, ntisemurwa keretse iyo ari icyemezo, itegeko cyangwa inyandiko y'urubanza bitanzwe na Perezida cyangwa Urugereko. Uretse gusemurwa mu rundi rurimi rukoreshwa na IRMCT, ibyemezo, amategeko, n'inyandiko z'imanza buri gihe bisemurwa no mu rurimi rwumvwa n'umuntu ukekwaho icyaha, uregwa cyangwa wahamwe n'icyaha, mu gihe urwo rurimi bireba atari icyongereza cyangwa igifaransa.

2. Kopi isemuye y'inyandiko yatanzwe ngo ishyirwe muri dosiye na yo ishyirwa muri dosiye y'urubanza nk'inyandiko iri ukwayo kandi ikohererezwa abo igenewe uko bikwiye, hakurikijwe uburyo bukurikizwa, buteganywa muri aya Mabwiriza ngengamikorere, mu kwandika ahabugenewe inyandiko itanzwe no kuyohereza abo igenewe.

3. Buri paje y'inyandiko yasemuwe ihabwa nomero, ayo manomero akaba ashyirwaho uturutse kuri paje ya nyuma ujya ku ya mbere. Nomero ya paje ibanziriza izindi y'inyandiko y'umwimerere ishyirwa ku mpera ya nomero ya buri paje y'inyandiko yasemuwe mu rwego rwo kugaragaza aho inyandiko y'umwimerere ihuriye n'inyandiko yasemuwe. Umusozo "BIS" wongerwaho ku manomero y'amapaje y'inyandiko yasemuwe mu rundi rurimi rukoreshwa na IRMCT. Imisozo "TER", "QUATER" n'indi yongerwa ku nyandiko zasemuwe mu ndimi zindi zitari ebyiri zikoreshwa na IRMCT.

## Ingingo ya 19

## Inyandiko zitanzwe ngo zishyirwe muri dosiye ariko zitagerwaho n'ubonetse wese

1. Iyo ari ngombwa ko, ku nyandiko itanzwe ngo ishyirwe muri dosiye, bitewe n'amakuru y'ibanga ayikubiyemo, hagabanywa uko bishoboka umubare w'abagomba kuyigeraho, uyitanze agomba kumenyesha Ibiro bya Gerefiye ko ateganya gutanga inyandiko igomba, by'agateganyo, kutagerwaho n'ubonetse wese kandi agatanga impamvu asaba ko ari ngombwa ko itagerwaho n'ubonetse wese.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

2. Gerefiye ayobora utanze inyandiko muri dosiye ku mukozi uhagarariye Ibiro bya Gerefiye wagenwe ngo yakire, nka kopi y'impapuro cyangwa iya eregitoronike yoherejwe kuri imeyiri y'uwo mukozi, inyandiko byavuzwe ko itagomba kugerwaho n'ubonetse wese, kugira ngo atangire gukora ibikenewe bijyanye n'itangwa ryayo.

3. Abakozi bo mu Biro bya Gerefiye bakenewe mu gukora ibikenewe bijyanye no kwakira iyo nyandiko no kuyohererereza abo igenewe ni bo bonyine bemerewe kugera ku nyandiko ziri muri icyo cyiciro. Iyo nyandiko yohererezwa gusa abo igenewe Ibiro bya Gerefiye byamenyeshejwe n'uwayitanze, Perezida cyangwa Urugereko.

4. Ibiro bya Gerefiye bigomba kumenyesha neza abantu bose bagenewe iyo nyandiko ko bayohererejwe ariko ko bitemewe, by'agateganyo, ko igerwaho n'ubonetse wese.

5. Nyuma yo kwakira no kohereza inyandiko abo igenewe, hadidisike iriho kopi ya eregitoronike y'iyo nyandiko, iyo ari uko bimeze, ibikwa mu bubiko bw'umutamenwa bw'Ibiro bya Gerefiye. Ibiro bya Gerefiye bisiba amakopi yose ya eregitoronike y'iyo nyandiko asigaye, harimo n'inyandiko zoherejwe zometse kuri imeyiri ndetse n'izasikanwe. Metadata z'ibanze kandi za rusange zijyanye n'iyo nyandiko ni zo zonyine zishyirwa mu Bubiko bwa eregitoronike bw'inyandiko n'ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB). Cyakora, inyandiko ubwayo ntishyirwamo.

6. Utanze inyandiko agomba kugaragariza Ibiro bya Gerefiye no kujya akurikirana, nyuma y'igihe runaka, ibyerekeranye n'itariki cyangwa ikintu kizabanza kuba kugira ngo iyo nyandiko ireke gufatwa nk'itagerwaho n'ubonetse wese, bityo igashobora gushyirwa mu Bubiko bwa eregitoronike bw'inyandiko n'ibimenyetso byose byakoreshejwe mu manza (UJDB).

7. Iyo nyandiko ikomeza gufatwa nk'itemerewe kugerwaho n'ubonetse wese kugeza ku itariki cyangwa ku kintu kigomba kubanza kuba byavuzwe n'uwayitanze keretse iyo bitegetswe ukundi na Perezida cyangwa Urugereko.

## 2. IBIMENYETSO GIHAMYA

### Ingingo ya 20

### Ingingo rusange

1. Ibimenyetso bishyizwe muri dosiye n'Urugereko ni byo byonyine bifatwa nk'ibimenyetso gihamya.

2. Mu gucunga inyandiko zashyizwe muri dosiye nk'ibimenyetso, kandi haseguriwe itegeko ryatangwa n'Urugereko, Ibiro bya Gerefiye bigomba gukora ku buryo izo nyandiko:

   (a) zitangwa hubahirijwe Amategeko n'Amabwiriza ngengamikorere bya IRMCT;

   (b) zitangwa muri rumwe mu ndimi zikoreshwa na IRMCT. Inyandiko zitanzwe mu rundi rurimi zigomba kuba ziri kumwe na kopi isemuye muri rumwe mu ndimi zikoreshwa muri IRMCT, keretse bigenwe ukundi n'Urugereko; kandi

   (c) zandikwa uko bikwiye, zikandikwaho urwego rw'umutekano wazo kandi zikabikwa uko bikwiye mu Buryo bwa eregitoronike bukoreshwa n'Ingereko (eCourt) na/cyangwa mu bubiko bw'umutamenwa bw'Ibiro bya Gerefiye, hakurikijwe uko ibintu biteye.

3. Kuri buri kimenyetso gihamya, Ibiro bya Gerefiye bigomba kwandika ahabugenewe no kubungabunga metadata za ngombwa zacyo.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

## Ingingo ya 21

## Amanomero y'ibimenyetso gihamya

1. Haseguriwe itegeko ryatangwa n'Urugereko, Ibiro bya Gerefiye biha, buri kimenyetso gihamya cyangwa buri nyandiko yahawe nomero iyiranga n'Urugereko, nomero igizwe n'imibarwa itanu, igaragaza uko byagiye bikurikirana mu gutangwa, ibanjirijwe n'inyuguti zikurikira:

   (a) "P": Ikimenyetso gihamya cyatanzwe na Porokireri cyangwa umukozi/abakozi Porokireri yemereye gukora mu izina rye;

   (b) "D": Ikimenyetso gihamya cyatanzwe n'Ubwunganizi. Mu manza ziregwamo abantu barenze umwe, nomero ikurikije uburyo amazina y'Abaregwa akurikirana nk'uko yanditse mu Nyandiko y'ibirego ishobora gushyirwa imbere y'inyuguti "D" kugira ngo irange ibimenyetso gihamya byatanzwe n'Ubwunganizi bw'uwo muntu uregwa; na

   (c) "C": Ikimenyetso gihamya cyashyizwe muri dosiye n'Urugereko rubyibwirije.

## 3. INYANDIKOMVUGO Z'AMABURANISHA

## Ingingo ya 22

## Ingingo rusange

1. Ibiro bya Gerefiye bikora inyandikomvugo z'amaburanisha y'imanza zose.

2. Inyandikomvugo z'amaburanisha zikorwa mu ndimi zombi zikoreshwa mu kazi ka IRMCT.

3. Ibiro bya Gerefiye bikora imirimo yo gucunga inyandikomvugo z'amaburanisha irimo:



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

(a) Kuzandikaho urwego rw'umutekano wazo hakurikijwe ubwoko bw'iburanisha (mu ruhame, mu muhezo, cyangwa iburanisha riba hari utemerewe kuhaba mu baburanyi), no kuzikuramo ibigomba kugirwa ibanga hakurikijwe uko byategetswe;

(b) Gushyira mu bikorwa itegeko ritanzwe na Perezida cyangwa Urugereko ryo kuzikuramo ibigomba kugirwa ibanga cyangwa guhindura urwego rw'umutekano wazo;

(c) Gushyira mu bikorwa ibyemejwe ko bigomba gukosorwa mu nyandikomvugo y'iburanisha no mu byasemuwe mu Rukiko; no

(d) Gushyikiriza inyandikomvugo z'amaburanisha Perezida, Urugereko n'ababuranyi mu rubanza hakurikijwe urwego rw'umutekano w'izo nyandiko n'abavuzwe iyo nyandiko igenewe.

4. Ibiro bya Gerefiye bigomba kwandika ahabugenewe buri nyandikomvugo y'iburanisha bikanabungabunga amakuru yayo akurikira:

(a) nomero n'izina by'urubanza;
(b) nomero zigaragaza uko amapaje y'inyandikomvugo y'iburanisha akurikirana;
(c) itariki y'iburanisha ryakorewe iyo nyandikomvugo;
(d) urwego rw'umutekano w'iyo nyandiko;
(e) insanganyamatsiko y'iryo buranisha, aho ari ngombwa (nk'urugero, ibibazo birebana n'imiburanishirize, ibaza ry'ibanze, ibaza rinyomoza);
(f) n'amazina yuzuye y'umutangabuhamya urimo gutanga ubuhamya cyangwa izina ry'iritizanyo yahawe, igihe ari ngombwa.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

### 4. Amajwi cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe

### Ingingo ya 23

### Ingingo rusange

1. Ibiro bya Gerefiye bifata amajwi cyangwa amajwi n'amashusho y'amaburanisha y'imanza yose, bigomba kuba birimo indimi zose zakoreshejwe mu iburanisha, harimo n'ibyasemuwe.

2. Imirimo yo gucunga amajwi cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe by'iburanisha ikorwa n'Ibiro bya Gerefiye irimo:

   (a) kwandikaho urwego rw'umutekano wabyo hakurikijwe ubwoko bw'iburanisha (mu ruhame, mu muhezo cyangwa iburanisha riba umwe mu baburanyi atemerewe kuba ahari), no gukuramo ibigomba kugirwa ibanga hakurikijwe uko byategetswe;

   (b) gukora ku buryo, uko bikwiye kandi byategetswe na Perezida cyangwa Urugereko, Urugereko n'ababuranyi babasha kugera ku majwi cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe, muri buri buranisha, byose uko byakabaye no ku byakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, aho ari ngombwa, naho rubanda bakabigeraho banyuze mu Bubiko bwa eregitoronike bushyirwamo inyandiko zakoreshejwe mu manza, zigenewe rubanda (UCR); no

   (c) gushyira mu bikorwa itegeko ryatanzwe na Perezida cyangwa Urugereko ryo gukura muri ayo majwi n'amashusho byafashwe ibigomba kugirwa ibanga cyangwa guhindura urwego rw'umutekano wabyo.

3. Ku byerekeranye n'ayo majwi cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe mu maburanisha, Ibiro bya Gerefiye bigomba kwandika ahabugenewe no kubungabunga amakuru akurikira:

(a) nomero n'izina by'urubanza;

(b) itariki y'iburanisha ryafashwe amajwi n'amashusho;

(c) urwego rw'umutekano rw'ayo majwi n'amashusho byafashwe;

(d) indimi zakoreshejwe mu iburanisha; na

(e) ubwoko bw'iburanisha (nk'urugero, umuhango wo kwitaba Urukiko bwa mbere, inama ntegurarubanza, iburanisha mu rw'iremezo).



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT